

ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/11.30 RYO KU WA 02/08/2017 RIGENA UBURYO N'IBIHE BYO GUFATIRA IKINTU GITWAYE IBINTU NO GUFATIRA INGAMBA IBIMERA, IBIKOMOKA KU BIMERA N'IBINTU BIBIKA CYANGWA BIKWIRAKWIZA INDIRIRIZI CYANGWA INDWARA BYINJIJWE MU GIHUGU MU BURYO BUNYURANYIJE N'AMATEGEKO

MINISTERIAL ORDER N° 013/11.30 OF 02/08/2017 DETERMINING MODALITIES AND TIME LIMITS FOR CONFINING ANY MEANS OF CONVEYANCE AND ACTION TO BE TAKEN WITH REGARD TO UNLAWFULLY IMPORTED PLANTS, PLANT PRODUCTS AND REGULATED ARTICLES

ARRETE MINISTERIEL N° 013/11.30 DU 02/08/2017 DETERMINANT LES MODALITES ET LES DELAIS DE CONFINEMENT DE TOUT MOYEN DE TRANSPORT ET MESURE A PRENDRE CONTRE LES VEGETAUX, PRODUITS VEGETAUX ET ARTICLES REGLEMENTES IMPORTES ILLEGALEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DE MATIERES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Uburyo bwo gufatira, gufunga, kvanaho cyangwa gusenya ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko ndetse n'ububiko gitwawemo

Article 2: Modalities for confinement, holding, treatment or destruction of a plant, a plant product or any other product unlawfully imported as well as its container

Article 2: Modalités de confinement, de détention, de traitement ou de destruction d'un végétal, d'un produit végétal ou de tout autre produit importé illégalement ainsi que son conteneur

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu

Article 3: Modalities for seizing a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance

Article 3: Modalités de saisir un navire, un véhicule, un train, un avion ou tout autre moyen de transport

Ingingo ya 4: Ubujurire

Article 4 : Appeal

Article 4: Recours

Ingingo ya 5: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi **Article 5: Administrative fine**

Article 5: Amende administrative

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka **Article 6: Repealing provision**

Article 6: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa **Article 7: Commencement**

Article 7: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/11.30 RYO KU WA 02/08/2017 RIGENA UBURYO N'IBIHE BYO GUFATIRA IKINTU GITWAYE IBINTU NO GUFATIRA INGAMBA IBIMERA, IBIKOMOKA KU BIMERA N'IBINTU BIBIKA CYANGWA BIKWIRAKWIZA INDIRIRIZI CYANGWA INDWARA BYINJIJWE MU GIHUGU MU BURYO BUNYURANYIJE N'AMATEGEKO

MINISTERIAL ORDER N° 013/11.30 OF 02/08/2017 DETERMINING MODALITIES AND TIME LIMITS FOR CONFINING ANY MEANS OF CONVEYANCE AND ACTION TO BE TAKEN WITH REGARD TO UNLAWFULLY IMPORTED PLANTS, PLANT PRODUCTS AND REGULATED ARTICLES

ARRETE MINISTERIEL N°013/11.30 DU 02/08/2017 DETERMINANT LES MODALITES ET LES DELAIS DE CONFINEMENT DE TOUT MOYEN DE TRANSPORT ET MESURE A PRENDRE CONTRE LES VEGETAUX, PRODUITS VEGETAUX ET ARTICLES REGLEMENTES IMPORTES ILLEGALEMENT

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;

The Minister of Agriculture and Animal Resources;

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003, revised in 2015 especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015 spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2016 ryo ku wa 10/05/2016 rigena uburyo bwo kurengera ubuzima bw'ibimera mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11 n'iya 17;

Pursuant to Law n° 16/2016 of 10/05/2016 on plant health protection in Rwanda, especially in Articles 11 and 17;

Vu la Loi n° 16/2016 du 10/05/2016 portant protection de la santé des végétaux au Rwanda, spécialement en ses articles 11 et 17;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2017 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by Cabinet in its session of 30/06/2017;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2017;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena:

1° uburyo bwo gufatira, gufunga, kuvanaho cyangwa gusenya ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko;

2° igihe ntarengwa cyo gufatira, gufunga, kuvanaho cyangwa gusenya ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko;

3° uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ikintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara.

Ingingo ya 2: Uburyo bwo gufatira, gufunga, kuvanaho cyangwa gusenya ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko ndetse n'ububiko gitwawemo

Ibyemezo bikurikira bifatirwa ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa

Article One: Purpose of this Order

This Order determines:

1° modalities for confinement, holding, treatment or destruction of a plant, a plant product or any other product unlawfully imported;

2° the time limit for confinement, holding, treatment or destruction of a plant, a plant product or any other product unlawfully imported;

3° modalities for confining a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance which carries a regulated article.

Article 2: Modalities for confinement, holding, treatment or destruction of a plant, a plant product or any other product unlawfully imported as well as its container

The following measures are taken on a plant, a plant product or any other regulated

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine:

1° les modalités de confinement, de détention, de traitement ou de destruction d'un végétal, d'un produit végétal ou de tout autre produit importé illégalement;

2° le délai de confinement, de détention, de traitement ou de destruction d'un végétal, d'un produit végétal ou de tout autre produit importé illégalement;

3° les modalités de confinement de bateau, de véhicule, de train, d'avion ou de tout autre moyen de transport qui transporte un article réglementé.

Article 2: Modalités de confinement, de détention, de traitement ou de destruction d'un végétal, d'un produit végétal ou de tout autre produit importé illégalement ainsi que son conteneur

Les mesures suivantes sont prises sur un végétal, un produit végétal ou tout autre

indwara ndetse n'ububiko bwacyo cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko:

- 1° **gufatira:** iyo umutwari uketsweho kutubahiriza amabwiriza, ufatirwa n'umugenzuzi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3), ugashyirwaho igifungisho, ugashyirwa mu nzu zabugenewe cyangwa ukaguma mu cyo utwawemo mu gihe hategerejwe icyemezo gifatwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- 2° **gushyira mu kato:** iyo umutwari utubahirije ibisabwa kandi bidashoboka ko ukosorwa ako kanya, ushyirwa mu gicumbi cy'ibimera byahawe akato mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) ibarwa uherye umunsi cyashyizwe mu kato;
- 3° **kuvanaho indiririzi:** iyo nyuma yo gusuzuma umutwari uri mu kato byemejwe ko ufite indiririzi, urwego rubifitiye ububasha rwemeza ivanwaho ry'indiririzi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'ine (14) ibarwa uherye umunsi icyemezo ndakuka cyemeza ko umutwari ufite indiririzi gifatiwe;

article as well as its container illegally imported:

- 1° **confinement:** where a consignment is suspected of being non-compliant with regulations, it is confined within three (3) days, locked, placed in a designated location or remains in its container pending a decision taken by the competent authority;
- 2° **to quarantine:** where a consignment does not comply with the requirements and the situation cannot be immediately rectified, it is put in quarantine station of plants within fourteen (14) days counted from the day it was quarantined;
- 3° **treatment of pests:** if, after the examination of a quarantined consignment, it is established that the consignment contains pests, the competent authority decides on the treatment of the pests within fourteen (14) days counted from the day the final decision on the presence of the pests on the consignment was taken;

article réglementé ainsi que son conteneur illégalement importé:

- 1° **confinement:** le fait pour un envoi soupçonné d'être non conforme aux règlements, d'être confiné endéans trois (3) jours, bercé, mis dans des lieux désignés ou rester dans son conteneur en attendant une décision prise par l'autorité compétente;
- 2° **mise en quarantaine:** le fait pour un envoi qui n'est pas conforme aux exigences et qui ne peut pas être immédiatement corrigé, d'être mis en station de quarantaine des plantes endéans quatorze (14) jours à compter du jour où il a été mis en quarantaine;
- 3° **traitement des organismes nuisibles:** lorsque, après l'examen d'un envoi en quarantaine, il est établi que l'envoi contient des organismes nuisibles, l'autorité compétente recommande le traitement des organismes nuisibles endéans quatorze (14) jours à compter du jour où la décision définitive de la présence des

4° **gusenya:** iyo umutwari udashobora kuvanwaho indiririzi kandi udashobora gusubizwa iyo wavuye, urasenywa. Ibi bikorerwa ahantu habugenewe, hamaze kugishwa inama izindi nzego, mu gihe kitarengeje iminsi cumi n'ine (14) ibarwa uherye umunsi icyemezo ndakuka cyo kuwusenywa cyafatiwe, kandi ikiguzi gitangwa na nyir'umutwari.

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu

Iyo umugenzuzi afatiriye ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi ikintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara kitujuje ibisabwa agomba gukora ibi bikurikira:

1° kukibika ahantu habugenewe hategerejwe ko urwego rubifitiye ububasha rufata umwanzuro mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa

4° **to destroy:** if the consignment cannot be treated of the pests and cannot be re-exported to its origin, it is then destroyed. This is done in a designated location after consultations with other authorities within fourteen (14) days counted from the day the decision of destruction was taken and the cost is borne by the owner of the consignment.

Article 3: Modalities for confining a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance

Where the inspector confines a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance that carries a plant, a plant product or any other regulated article that is non-compliant with regulations, he/she is required to do the following:

1° to place it in a designated location pending a decision taken by competent authorities within twenty four (24) hours counted from the day it was placed in the designated location;

organismes nuisibles à l'envoi a été prise;

4° **détruire:** lorsque l'envoi ne peut être traité efficacement et qu'il ne peut pas être réexporté, il est alors détruit. Cela se fait dans les lieux désignés après consultation avec des autorités compétentes endéans quatorze (14) jours à compter du jour où la décision de destruction a été prise et les frais sont supportés par le propriétaire de l'envoi.

Article 3: Modalités de saisir un navire, un véhicule, un train, un avion ou tout autre moyen de transport

Lorsque l'inspecteur confine un bateau, un véhicule, un train, un avion ou tout autre moyen de transport qui transporte un végétal, produit végétal ou tout article réglementé non conforme aux règlements, il doit faire ce qui suit:

1° le placer dans le lieu désigné en attendant une décision prise par les autorités compétentes endéans vingt-quatre (24) heures à compter du jour où il a été placé dans un lieu désigné;

uhereye umunsi cyashyiriwe aho hantu habugenewe;

2° kumenyesha mu nyandiko nyir'ikintu gitwaye umutwaro cyangwa ikintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara, impamvu icyemezo cyafashwe, mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa uhereye igihe icyemezo ndakuka cyafatiwe amenyeshwa impamvu y'ifatira;

3° nyuma yo gukora igenzura, umugenzuzi amenyesha nyir'ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu icyemezo ndakuka cyafashwe mu gihe kiratenze iminsi cumi n'ine (14) ibarwa uhereye umunsi nyir'umuzigo yamenyesherejwe impamvu yifatirwa ry'ikintu gitwaye umutwaro cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara.

Ingingo ya 4: Ubujurire

Igihe uwinjije ikimera cyangwa ikigikomokaho atemeranyije n'icyemezo yafatiwe n'umugenzuzi hakurikijwe

2° to inform, in a written notice, the owner of the consignment or a regulated article, the decision taken within twenty four (24) hours counted from the day the final decision was taken, stating reasons for confinement;

3° after examination, an inspector informs the owner of a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance the final decision taken within fourteen (14) days, counted from the day the owner of the consignment was informed of the decision of confinement of a consignment or regulated article.

Article 4 : Appeal

In case of disagreement with the inspector's decision in accordance with Articles 2 and 3 of this Order, the importer lodges an appeal

2° informer par écrit, le propriétaire de l'envoi ou d'un article réglementé endéans vingt-quatre (24) heures, à compter du jour où la décision définitive indiquant les motifs de confinement a été prise;

3° après examen, l'inspecteur informe le propriétaire d'un navire, d'un véhicule, d'un train, d'un avion ou de tout autre moyen de transport la décision définitive prise endéans quatorze (14) jours à compter du jour où le propriétaire de l'envoi a été informé de la décision de confinement de l'envoi ou d'article réglementé.

Article 4: Recours

En cas du désaccord avec la décision de l'inspecteur conformément aux dispositions de l'article 2 et 3 du présent

ibiteganywa mu ngingo ya 2 n'ya 3 z'iri teka, yandikira Umuyobozi w'Urwego rufite mu nshingano zarwo kurengera ubuzima bw'ibimera mu Rwanda, amusaba kurenganurwa.

Ingingo ya 5: Ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi

Umuntu winjije ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikintu kibika cyangwa gikwirakwiza indiririzi cyangwa indwara, mu buryo butemewe n'amategeko acibwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50,000) ashwirwa mu isanduku ya Leta.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

to the Head of the Institution in charge of plant health protection in Rwanda.

Article 5: Administrative fine

A person who illegally imports any plant/plant product or a regulated article is liable to an administrative fine of fifty thousand Rwandan Francs (50,000) payable to the public treasury.

Article 6: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 7: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

arrêté, l'importateur d'un végétal ou d'un produit végétal adresse une plainte au Responsable de l'Institution ayant la protection de la santé des végétaux dans ses attributions au Rwanda.

Article 5: Amende administrative

Toute personne qui importe illégalement un végétal, un produit végétal ou autre article réglementé est passible d'une amende administrative de cinquante mille francs rwandais (50.000) payable au trésor public.

Article 6: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 7: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **02/08/2017**

(sé)
Dr MUKESHIMANA Gerardine
Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango
cya Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on **02/08/2017**

(sé)
Dr MUKESHIMANA Gerardine
Minister of Agriculture and Animal
Resources

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

Kigali, le **02/08/2017**

(sé)
Dr MUKESHIMANA Gerardine
Ministre de l'Agriculture et des
Ressources Animales

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux